No 226 Dec19-Jan2020

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## ABAYOBOZI B'IMITWE YA POLITIKI BASHIMYE INGAMBA IKIGO RDB GIFITE MU GUKOMEZA GUTEZA IMBERE ISHORAMARI N'UBUKERARUGENDO



Ibi ni ibyagarutsweho mu kiganiro kuri "*Politiki n'ingamba z'Igihugu zo guteza imbere ubukerarugendo no gukurura abashoramari*" Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere (RDB) Madamu AKAMANZI Clare yahaye abayobozi b'Imitwe ya Politiki mu nama y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, yabaye kuwa kane tariki ya 30.01.2020 ku Biro by'Ihuriro ku Kacyiru mu Karere ka Gasabo.

Mu kiganiro cye, Umuyobozi Mukuru wa RDB, yabwiye abitabiriye iyi nama ko mu nshingano zacyo nkuru ari uguteza imbere ishoramari n'ubukerarugendo mu Gihugu. Aha yagaragaje ko ibikorwa by'iki kigo bigamije kwihutisha no koroshya ishoramari mu Rwanda, kuba isoko rihuza ibice binyuranye mu bikorwa by'ishoramari mu Karere hagamijwe guteza imbere serivisi no kureshya abashoramari bamaze kubaka izina mu bikorwa byabo.

Yavuze ko mu minsi mike ishize, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame aheruka kuvuga ko u Rwanda ruteganya gukuraho amafaranga atangwa n'abakeneye visa zo kurwinjiramo baturuka mu bihugu bigize imiryango ya Commonwealth, Afurika Yunze Ubumwe n'uw'Ibihugu bikoresha Igifaransa (Francophonie) mu rwego rwo kurushaho kwagura amarembo y'Igihugu.

Avuga ko ibi bishingiye ku cyemezo cyo korohereza abifuza kuza mu Rwanda bahabwa Viza bahageze kuko byatuma abarusura biyongeraho abarenga miliyoni imwe.

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere (RDB), Akamanzi Clare, yabwiye abari muri iyi nama ko amafaranga yavaga mu kiguzi cya Viza utakigereranya n'inyungu Igihugu cyateganyaga gifata uyu mwanzuro.

Yagize ati ''Amafaranga tubona muri Viza ni miliyari 4 Frw, ni amafaranga make cyane. Nidukuraho Viza kuri abo baturage ba AU, Commonwealth n'abo mu muryango w'ibihugu bikoresha Igifaransa tuzatakaza amafaranga agera kuri miliyoni ebyiri z'amadorali, ariko umuntu umwe uza mu Rwanda yishyura amadorali 50 kugira ngo abone Viza. Natishyura akaza mu Rwanda agakoresha nibura amadorali 300 ku munsi nibyo byungura u Rwanda. Ikigaragara ni uko nta muntu uza umunsi umwe ngo ahite agenda, nibura amara iminsi itatu.''

Yibukije ko inkuru y'ikurwaho ry'ikiguzi cya viza yakiriwe neza n'abanyamahanga aho banavuga ko ari icyemezo gikwiye kubera ibindi bihugu isomo mu kwagura ubuhahirane.

Inama Rusange yashimye ibimaze kugerwaho n'ingamba Ikigo RDB gifite mu gukomeza guteza imbere ishoramari, itanga inama n'ibitekerezo ku mishinga yakomeza kwitabwaho mu rwego rw'iterambere rirambye.

Inama Rusange kandi yasabye ko ibikorwa by'ishoramari mu bukerarugendo bushingiye ku mateka n'umuco by'abanyarwanda bikomeza kwitabwaho kugira ngo u Rwanda rurusheho kongera amahirwe yo kureshya abashoramari.

## IHURIRO RYATEGUYE AMAHUGURWA YO GUKOMEZA GUFASHA ABAGORE KUGIRA URUHARE MU NZEGO Z'UBUYOBOZI BW'UMUTWE WA POLITIKI ZIFATIRWAMO IBYEMEZO

Kuva kuwa 09-10 Mutarama 2020 mu cyumba cy'inama cya Hotel La Parisse Nyamata mu Karere ka Bugesera, ku bufatanye bw'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki (NFPO) n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Iterambere (UNDP), habereye amahugurwa agamije *gukomeza gufasha umugore kugira uruhare rufatika mu nzego z'ubuyobozi bw'Umutwe wa Politiki zifatirwamo ibyemezo.* Aya mahugurwa yari agenewe abari mu rugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki, ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali.



Atangiza amahugurwa ku mugaragaro, Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro, Madamu MUSANABAGANWA Eugenie, yabwiye abayitabiriye ko mu nshingano z'Ihuriro, harimo iyo kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki, ibi bikaba bikorwa mu rwego rwo gukomeza guteza imbere umwuga wa politiki mu Rwanda.

Asobanura impamvu y'amahugurwa, Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro yavuze ko aya mahugurwa yateguwe mu rwego rwo kongerera ubushobozi abagore b'abayobozi b'urugaga, akazabafasha kugira ubumenyi bukenewe mu rwego rwo kwitinyuka no guharanira kujya muyindi myanya iteganywa mu nzego z'ubuyobozi bw'Umutwe wa Politiki.

Yavuze ko kuva muri 2013, ku nkunga ya UNDP, Umufatanyabikorwa w'Ihuriro muri iyi gahunda, hatangijwe gahunda y'amahugurwa agamije kongerera ubushobozi abagore harimo kubaka no guteza imbere imikorere y'urugaga rw'abagore rushamikiye ku buyobozi bw'Umutwe wa Politiki; bikaba byaragaragaye ko Imitwe ya Politiki nyuma yo gushyiraho urwego rw'urugaga rw'abagore, imikorere yarwo yarushijeho guha umwanya umugore mu kugira uruhare mu nzego z'ubuyobozi bw'Umutwe wa Politiki.

Yasoje avuga ko nta shiti, nyuma y'aya mahugurwa, abayobozi b'urugaga rushamikiye ku Mutwe wa Politiki bitabiriye amahugurwa, bataha bafite ubumenyi n'ingamba zibafasha kugera ku nshingano zabo kandi bagaharanira guteza imbere Imitwe ya Politiki yabo.

Abatanze ibiganiro, yaba Hon. Mukasine Marie Claire, Madamu Mukandasira Caritas (Umuyobozi Mukuru Wungirije wa GMO), Hon. Nyiramilimo Odette, ndetse na Hon. Rutaremara Tito (Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Inararibonye) bose bagaragaje ko umugore w'u Rwanda ashoboye kandi afite amahirwe yo kugira ikibuga giteguye neza akoreraho politiki.

Basabye abitabiriye amahugurwa gukomeza kongera ubumenyi, bakarwanya ubukene bucyugarije umubare munini w'abagore, cyane cyane abo mu cyaro; bakagira uruhare mu gukomeza gutegura abasore n'inkumi bifuza kubana kugira ngo bazubake imiryango izira amakimbirane; bagashishikazwa no kwiteza imbere; kandi bagakomeza gutinyuka kujya mu myanya ya politiki ifatirwamo ibyemezo.

Asoza aya mahugurwa, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald, yashimye abatanze ibiganiro n'ababiyoboye kuko bagaragaje ubunararibonye mu mirimo ya politiki bakora no mu buzima busanzwe; bagaragaje kandi ubuhanga n'ubushake bwo gusangiza ubumenyi bafite n'ubunararibonye bwabo abitabiriye aya mahugurwa.

Yashimiye Umuryango UNDP wateye inkunga aya mahugurwa, yizeza ko bazakomeza gufatanya gutegura ibiganiro nk'ibi byongerera ubushobozi abagore bo mu Mitwe ya Politiki.

# Abasore n'inkumi 43 bahawe Icyemezo cy'amahugurwa k'ubuhanga n'ubumenyi mu bya Politiki n'Imiyoborere

*Ku wa kabiri tariki ya 24 Ukuboza 2019, ku cyicaro cy'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, habereye umuhango wo gutanga Icyemezo cy'Amahugurwa (Certificate) ku basore n'inkumi 43 baturuka mu Mitwe ya Politiki igize Ihuriro. Aba basore n'inkumi bagize Icyiciro cya 16 cy'abiga mu ishuri ry'urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki bakurikira amasomo k'ubumenyi n'ubuhanga mu bya politiki n'imiyoborere (Youth Political Leadership Academy- YPLA).*



*Abayobozi mu Mitwe ya Politiki bitabiriye isozwa ry'aya mahugurwa bafashe ifito y'urwibutseo.*

Uyu muhango witabiriwe n'Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro Madamu MUSANABAGANWA Eugenie; abahagarariye Imitwe ya Politiki; Perezida wa Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'izindi Nzego, Depite NYIRAHIRWA Veneranda; uhagarariye abarimu Dr BUCHANAN Ismael; n'abanyeshuri barangije amahugurwa.

Mu ijambo rye ry'ikaze, **Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro**, Bwana BURASANZWE Oswald, yavuze ko abarangije amahugurwa, ari icyiciro cya 16, cyatangiye amasomo tariki ya 29 Ukwakira 2019, bakaba bamaze amezi atatu (3) biga amasomo anyuranye, ndetse bahabwa n'ibiganiro kuri Politiki na gahunda za Leta.

Yavuze ko bize amasomo anyuranye yabongereye ubumenyi n'ubushobozi mu bya politiki n'imiyoborere. Agaragaza ko uretse kuba barize amasomo arebana n'ubumenyi bwa politiki n'iterambere ry'Umutwe wa Politiki, bize kandi n'amasomo arebana n'imiyoborere myiza, gukumira no gukemura amakimbirane ya politiki, guhigana muri politiki, bakaba kandi barakoze n'imyitozo ihagije yo guseruka, kujya impaka no gutanga ubutumwa bwa politiki. Ikindi, yavuze ko banagize umwanya wo kuganirizwa n'Abayobozi banyuranye ku *Mahame Remezo u Rwanda rugenderaho,* ateganyijwe mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015; Gahunda ya *Ndi Umunyarwanda*, *Guhanga umurimo no guteza imbere ibikorerwa iwacu*; ndetse banaganirizwa ku *Miyoborere y'u Rwanda twifuza*.

Yashimiye Imitwe ya Politiki yohereje abahuguwe, anashimira abarangije neza amasomo uko yari ateganyijwe kuko ku banyeshuri 44, harangije 43 barimo ab'igitsina gore 21 n'ab'igitsina gabo 22. Yababwiye ko n'ubwo barangije, bagomba gukomeza kwihugura, bakaba ari amaboko Imitwe ya Politiki yabo yungutse ko kandi basabwa gukomeza kwitwara neza, bakubaha Ubuyobozi n'Inzego z'Imitwe ya Politiki yabo no kugira uruhare mu kubaka Igihugu cyacu muri rusange.

Mu ijambo ry'**uhagarariye abanyeshuri barangije mu cyiciro cya 16**, Madamazela KALIMPINYA Queen, yashimiye Ihuriro ryateguye iyi gahunda y'amahugurwa, ashimira Imitwe ya Politiki yabohereje guhugurwa, ashimira abarimu babigishije bakabaha ubumenyi, bakanabasangiza k'ubunararibonye bwabo; yashimiye kandi abakozi b'Ihuriro uburyo bababafashije gukurikira amasomo yabo.

Yijeje Ihuriro n'Imitwe ya Politiki ko ubumenyi bungutse bazabusangiza urundi rubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki baturukamo. Yashimangiye ko urubyiruko rurangije mu cyiciro cya 16 rwiyemeje kurinda u Rwanda, bakazarwanya uwo ari we wese washaka gusubiza u Rwanda n'Abanyarwanda inyuma Dr BUCHANAN Ismael, wavuze mu izina ry'**abigishije aba banyeshuri**, yashimye Ihuriro kuba ryarateguye iyi gahunda y'amasomo ahabwa uru rubyiruko, avuga ko ari amasomo meza afite akamaro kanini ku bayahabwa, kuko uretse ubumenyi rusange bugendanye n'ibyo biga, banahabwa ubumenyi kuri gahunda zinyuranye z'Igihugu, bigatuma uru rubyiruko rumenya uburyo Igihugu kiyobowe, ibyo gikora n'ibyo gishyize imbere kandi narwo rugomba kubigiramo uruhare. Nk'umwarimu, yashimiye abahuguwe kuko bagaragaza inyota yo gushaka kumenya kandi bakabikora bisanzuye no mu bwubahane. Yagaragaje ko kuba Imitwe ya Politiki ishobora kwicarana ikaganira, ikajya impaka zubaka, ntishwane, noneho bikagera no mu rubyiruko rw'iyo Mitwe ya Politiki, biba hake cyane cyane ku isi. Asanga ubu budasa bw'u Rwanda, bushingiye ku buyobozi bwiza n'amahitamo y'Abanyarwanda yo gukora politiki ishingiye ku bwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu. Yagaragaje ko, nk'abarimu nabo bize byinshi, bashingiye ku bibazo byabazwaga, ibitekerezo n'inama zubaka aba banyeshuri batangaga. Yashoje abasaba kuzakomeza kuba intangarugero mu bikorwa byiza byubaka Igihugu, bakazarushaho kurangwa n'indangagaciro nyarwanda zirimo kugira ikinyabupfura, gukunda Igihugu, gukunda umurimo, n'ubwitange.

Mu ijambo ry'**Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro**, Madamu MUSANABAGANWA Eugenie, risoza ku mugaragaro amahugurwa y'icyiciro cya 16, yashimiye Imitwe ya Politiki yohereje urubyiruko rwayo kugira ngo ruhugurwe, ashimira abanyeshuri barangije amahugurwa.

Yibukije ko imwe mu nshingano z'Ihuriro, ari ukongerera Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo ubushobozi n'ubumenyi. Akaba ari muri urwo rwego Ihuriro ryashyizeho Gahunda y'amahugurwa agenewe urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki irigize kugira ngo rutozwe Politiki rukiri ruto, rutegurwe kuzavamo abayobozi beza b'Imitwe ya Politiki n'ab'Igihugu muri rusange. Yavuze ko Imitwe ya Politiki ari yo ivamo bamwe mu bayobozi ba Politiki bayobora Igihugu n'Inzego zacyo. Akaba ari yo mpamvu Ihuriro riha agaciro gakomeye gahunda yo gutoza urubyiruko kwitabira ibikorwa bya Politiki, kugira ngo rugire ubumenyi mu bijyanye na Politiki n'ubuyobozi bityo ruzagire uruhare mu miyoborere myiza y'u Rwanda.

Yibukije ko amateka ya politiki y'u Rwanda mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, agaragaza ko Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki bamwe bagize uruhare mu kwigisha urwango, gutegura no gukora Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, Ubuyobozi bw'u Rwanda bwashyizeho icyerekezo cy'uburyo Politiki ikwiye gukorwa mu gihugu, kugira ngo abanyarwanda bongere kugarurira icyizere Imitwe ya politiki n'abanyapolitiki.

Ihuriro rikaba ryaragiyeho kugira ngo Imitwe ya Politiki, abayobozi, n'abayoboke bayo bagire urubuga rwo kuganiriramo, batekereze ku miyoborere ikwiye, batange umusanzu wabo mu kubaka Igihugu, no guteza Abanyarwanda bose imbere.

Yasobanuye ko kuba baje gushimira abarangije neza amasomo y'icyiciro cya 16, bishingiye ku musaruro mwiza Ihuriro rigenda rigeraho kuva ryashingwa. Agaragaza ko kuva mu mwaka wa 2010, hamaze guhugurwa abasore n'inkumi 1,159 baturuka mu Mitwe ya Politiki 11 iri mu Ihuriro, kandi ihame ry'uburinganire rikaba ryubahirizwa. Akaba ari yo mpamvu ab'igitsina gore bamaze kurangiza muri iri shuri bangana na 49,6% naho ab'igitsina gabo bakaba 50,4%.

Yashoje ashimira buri wese wagize uruhare mu migendekere myiza y'amahugurwa y'icyiciro cya 16, asaba abahuguwe gusangiza abandi ubumenyi bungutse. Yabashishikarije kuzarangwa no guharanira gukomeza kubaka u Rwanda no kuruteza imbere, bakirinda uwo ari we wese wabashuka, ngo abateshe umurongo.